Ururimi rwawe ntirukajye rutandukana no gusingiza Allah

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Bus'ri (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umugabo umwe yaje kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arayibaza ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ko amategeko y'ubuyisilamu amaze kumbana menshi? None ni irihe wambwira nkarikomeraho? Iramusubiza iti: "Ururimi rwawe ntirukajye rutandukana no gusingiza Allah". No mu yindi mvugo muri Hadith yaturutse kwa Mu'adh Ibun Djabal (Imana imwishimire) yaravuze ati: Icya nyuma nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) naho nayibajije nti: Ni ikihe gikorwa cyiza kandi cyakegereza umuntu kwa Allah? Iransubiza iti: Nuko wapfa ururimi rwawe rudatana no gusingiza Allah Nyir'ubutagatifu."

[Hadithi y'impamo] [رواه أحمد والترمذي وابن ماجه وابن حبان]

Umugabo umwe yaregeye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ayibwira ko ibikorwa byo kwiyegereza Allah byamubanye byinshi agera aho ananirwa kubera intege nke ze, arangije ayisaba ko yamubwira igikorwa cyamworohera ariko kikamuha ibihembo byinshi, kugira ngo agikomereho, Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira ko akwiye guhoza ku rurimi rwe gusingiza Allah Nyir'ubutagatifu ibihe byose n'ahantu hose; amutagatifuza, amushimira, amwicuzaho anamusaba n'ibindi.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/66541